Maine Center for Disease Control and Prevention
An Office of the Department of Health and Human Services

# Ni iki ngomba kwitwaza igihe nje muri randevu ya mbere ya Gahunda ya WIC?

Ababyeyi, impinja n'abana basaba kujya muri Gahunda ya WIC bagomba kuba bahibereye igihe cyo kubonana n'abakora muri iyo Gahunda. Ugomba kandi kwitwaza ibi bikurikira:

**Ikimenyetso cy'amafaranga agomba kuba yinjizwa n'abakirwa muri Gahunda**

**Niba uhabwa inkunga itangwa na MaineCare, SNAP cyangwa TANF, ugomba kwitwaza kimwe muri ibi bikurikira:**

- ☐ Ikarita ya MaineCare cyangwa ibaruwa ihabwa uwemerewe inkunga bisabwa abasaba kujya muri Gahunda ya WIN
- ☐ Ibaruwa yo kwakirwa muri Gahunda ya SNAP cyangwa ivugurura ubunyamuryango
- ☐ Inyandiko ya TANF

**Inyandiko zigaragaza umutungo yinjijwe n'abagize umuryango mu gihe cy'iminsi 30 ishize. Harimo na:**

- ☐ Inyandiko zigaragaza imishahara zatanzwe mu minsi 30 ishize
- ☐ Inyandiko zigaragaza imishahara y'ingabo/Inyandiko igaragaza umushahara n'iminsi y'ikiruhuko (LES)
- ☐ Inyandiko igaragaza umushara yatanzwe n'umukoresha
- ☐ Amasezerano y'indezo
- ☐ Inyandiko igaragaza amafaranga y'Ubwizigame(SSDI) cyangwa Inkunga y'amafaranga agenerwa abafite ubumuga (SSI)

**Icyemezo kigaragaza aho utuye (aderesi y'aho utuye, atari nomero y'Agasanduku k'Iposita).**
**Urugero twavuga nka:**

- ☐ Inyemezabuguzi y'amazi n'umuriro iriho amazina yawe, iriho n'aderesi ihuye n'iyo watanze
- ☐ Ibaruwa iriho amazina yawe na aderesi
- ☐ Uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga ruriho aderesi y'aho utuye
- ☐ Amasezerano y'ubukode cyangwa inyandiko y'ingwate biriho amazina yawe na aderesi
- ☐ Inyandiko ya TANF, Ikarita ya MaineCare
- ☐ Ibaruwa yo kwakirwa muri SNAP cyangwa ivugurura ubunyamuryango

**Icyangombwa kigaragaza usaba kujya muri Gahunda ya WIC uwo ari we.**
**Urugero twavuga nka:**

- ☐ Ikarita ya MaineCare
- ☐ Uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga
- ☐ Ikarita ya SSID
- ☐ Ikarita y'ishuri cyangwa y'akazi
- ☐ Indangamuntu yatanzwe na Leta
- ☐ Urwandiko rw'abajya mu mahanga
- ☐ Icyemezo cy'amavuko
- ☐ Icyemezo cy'amavuko gitangwa na muganga
- ☐ Ikarita y'inkingo